


**TRANSMISSION DES ELEMENTS DE PREUVE A L'APPUI DE NOS DIVERSES ECRITURES .**

1. AFFIDAVIT OF THARCISSES KARUGARAMA , MINISTER OF JUSTICE , ATTORNEY GENERAL (MEMOIRES A L'APPUI DE LA REQUETE EN ANNULATION DE L'ORDONNANCE DE RENVOI PAGE 3, PARAGRAPHES 13 ET 14).
2. URUKIKO MPANABYAHA RWASHYIRIWEHO U RWANDA, URUGEREKO RWAMBERE RW'IREMEZO PAGE 7 POINT 35 (MEMOIRES A L'APPUI DE LA REQUETE EN ANNULATION DE L'ORDONNANCE DE RENVOI PAGE 7, PARAGRAPHE 34 A 36).
3. ARRETS AVANT DIRE DROIT RENDUS LE 16 MAI ET 05 SEPTEMBRE 2013 DANS L'AFFAIRE INSCRITE SOUS LE RP0002/12/HCCI EN CAUSE ORGANE NATIONAL DES POURSUITES JUDICIAIRES CONTRE UWINKINDI JEAN (PAGE 7 POINT 40 A 43 DE MEMOIRES A L'APPUI DE L'ORDONNANCE DE RENVOI).
4. VOIR CONCLUSIONS DU MINISTERE PUBLIC PRESENTEES A L'AUDIENCE DU 05 SEPTEMBRE 2013 (PAGE 17, PARAGRAPHE 95 A 98 DOCUMENT PRODUIT EN APPUI DE LA REQUETE DE RENVOI INTRODUITE LE 14 SEPTEMBRE (WEB SITE DU MECANISME .
5. L'ARRET AVANT DIRE DROIT DU 15 JANVIER 2015(MEMOIRES A L'APPUI DE L'ORDONNANCE DE RENVOI PAGE 8 PAR 45.1)
6. L'ARRET AVANT DIRE DROIT DU 21 JANVIER 2015. ( MEMOIRES A L'APPUI DE L'ORDONNANCE DE RENVOI PAGE 8 PAR 45.2)
7. L'ARRET AVANT DIRE DROIT DU 06 FEVRIER 2015(MEMOIRES A L'APPUI DE L'ORDONNANCE DE RENVOI PAGE 8 PAR 45.3)
8. L'ARRET RENDU PAR LA COUR SUPREME EN SON AUDIENCE PUBLIQUE DU 24 AVRIL 2015 (MEMOIRES A L'PPUI DE L'ORDONNANCE DE RENVOI PAGE 8 PAR 45.4) .
9. PROCES VERBAL D'AUDIENCE DU 08 JANVIER 2015 (RENSEIGNE DANS LES MEMOIRES A L'APPUI DE L'ORDONNANCE DE RENVOI PAGE 11.68).
10. DROIT DE LA PROCEDURE PENALE, HENRY-D.BOSLY, DAMIEN VANDERMEESCH, EDITION LA CHARTE 1999, 2000 (MEMOIRE A L'APPUI DE L'ORDONNANCE DE RENVOI PAGE 9, PARAGRAPHE 56 A 59).

**Received by the Registry**  
**Mechanism for International Criminal Tribunals**

**09/09/2015 10:13**



11. CORRESPONDANCE DU 28 DECEMBRE 2014 ADRESSEE PAR LES CONSEILS DE LA DEFENSE A LA PRESIDENTE DU SIEGE (RENSEIGNE DANS LES MEMOIRES A L'APPUI DE L'ORDONNANCE DE RENVOI PAGE 11 PARAGRAPHE 66 ET 67).
12. PROCES VERBAL D'AUDIENCE DU 15 JANVIER 2015(MEMOIRES A L'APPUI DE L'ORDONNANCE DE RENVOI PAGE 12, PARAGRAPHE 70).
13. PROCES VERBAL D'AUDIENCE DU 02 JUIN 2015 (MEMOIRES A L'APPUI DE LA REQUETE EN ANNULATION DE L'ORDONNANCE DE RENVOI PAGE 13, PARAGRAPHE 75).
14. ARRET AVANT DIRE DROIT DU 09 JUIN 2015 RENVOYANT LA CAUSE AU 10 SEPTEMBRE 2015 POUR PLAIDOIRIE ET AUDITION DE TEMOIN (VOIR MEMOIRES A L'APPUI DE LA REQUETE EN ANNULATION DE L'ORDONNANCE DE RENVOI PARAGRAPHE 76 A LA PAGE 13).
15. PROCES VERBAL DE L'AUDIENCE PUBLIQUE DU 09 MARS 2015 (VOIR MEMOIRES A L'APPUI DE LA REQUETE EN ANNULATION DE L'ORDONNANCE DE RENVOI A LA PAGE 14, PARAGRAPHE 77 A 79).
16. ADDITIONAL EXPERT REPORT BY MARTIN WITTEVEEN, Advisor International Crimes to the National Public Prosecution Authority, NPPA, in RWANDA prepared for extradition proceedings re: Government of Rwanda v Dr. Vincent Bajinya and others lire particulièrement les paragraphes 21, 51 et 63 (VOIR MEMOIRES A L'APPUI DE LA REQUETE EN ANNULATION DE L'ORDONNANCE DE RENVOI PAGE 14, PARAGRAPHE 80 A 86, LIRE LA REQUETE TENDANT A OBTENIR SUSPENSION DE L'INSTRUCTION AU NIVEAU DE LA HAUTE COUR PAGE 3).
17. VOIR LETTRE NUMERO /REF LET 3018/BAT/08 /13 DU 19 AOUT 2013 DU BATONNIER DE L'ORDRE AU SECRETAIRE PERMANENT DU MINISTERE DE LA JUSTICE AVEC LES DOCUMENTS Y ANNEXES (VOIR COMMENTAIRES FAIT AUX PAGES 16 A 19 DE NOS MEMOIRES A L'APPUI DE LA REQUETE EN ANNULATION DE L'ORDONNANCE DE RENVOI)
18. FACILITATING FEES FOR UWINKINDI DEFENSE COUNSEL ( EVOQUE DANS LES MEMOIRES A L'APPUI DE LA REQUETE EN ANNULATION DE L'ORDONNANCE DE RENVOI A LA PAGE 20, PARAGRAPHE 123 A 125).



19. PROJET DE CONTRAT A L'INTENTION DES CONSEILS DE LA DEFENSE  
(VOIR PAGE 21, PARAGRAPHE 131 A 135 DANS LES MEMOIRES A L'APPUI DE LA REQUETE EN ANNULATION DE L'ORDONNANCE DE RENVOI)
20. RESILIATION DU CONTRAT PAR LE MINISTERE ( PAGE 21, PARARGAPHE 131 A 135 DANS LES MEMOIRES A L'APPUI DE LA REQUETE EN ANNULATION DE L'ORDONNANCE DE RENVOI)
21. AVIS ET OBSERVATIONS DES CONSEILS DE LA DEFENSE SUR LE TEXTE DU PROJET(VOIR PAGE 21 PARAGRAPHE 134 A 136 DANS LES MEMOIRES A L'APPUI DE LA REQUETE EN ANNULATION DE L'ORDONNANCE DE RENVOI)
22. L'ARTICLE 18 ALINEA 3 DE LA CONSTITUTION DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA (MEMOIRES A L'APPUI DE LA REQUETE EN ANNULATION DE L'ORDONNANCE DE RENVOI PAGE 24 PARAGRAPHE 159)
23. LES ARTICLES 38 ET 61 DE LA LOI NO 30/2013 DU 24/05/2013 PORTANT Code DE PROCEDURE PENALE (MEMOIRES A L'APPUI DE LA REQUETE EN ANNULATION DE L'ORDONNANCE DE RENVOI PAGE 24 PARAGRAPHE 159)
24. LES ARTICLES 14, 17, 18 ET 27 DE LOI NO 47/2013 DU 16 JUIN 2013 RELATIF AU RENVOI D'AFFAIRE A LA REPUBLIQUE DU RWANDA. PAGE 6
25. CODE DE PROCEDURE CIVILE (ARTICLE15). (MEMOIRES A L'APPUI DE LA REQUETE EN ANNULATION DE L'ORDONNANCE DE RENVOI PAGE 8 PAR 45.2)
26. ARTICLE 150.2,3 ET 4 DU CODE DE PROCEDURE PENAL (MEMOIRES A L'APPUI DE LA REQUETE EN ANNULATION DE L'ORDONNANCE DE RENVOI PAGE 9 PARAGRAPHE 54)
27. ARTICLE 6.1 ET 3 DE LA CONVENTION EUROPEENNE DES DROITS DE L'HOMME (MEMOIRES A L'APPUI DE LA REQUETE EN ANNULATION DE L'ORDONNANCE DE RENVOI PAGE 9, PARAGRAPHE 56)
28. LOI NO 03/1997 DU 19 MARS 1997 PORTANT CREATION DU BARREAU, ARTICLE 60 A 63, EVOQUE DANS LES MEMOIRES A L'APPUI DE LA REQUETE EN ANNULATION DE L'ORDONNANCE DE RENVOI A LA PAGE 15, PARAGRAPHE 87).

29. LOI NO 83/2013 DU 11 SEPTEMBRE 2013 PORTANT CREATION DE L'ORDRE DES AVOCATS AU RWANDA, INTERVENTION DU SECRETAIRE EXECUTIF , OFFICIAL GAZETTE NO 44 DU 04 NOVEMBRE 2013 VOIR ARTICLES 58 ET 59,( EVOQUEE DANS LES MEMOIRES A L'APPUI DE LA REQUETE EN ANNULATION DE L'ORDONNANCE DE RENVOI A LA PAGE 15 PARAGRAPHE 89)
30. PRINCIPES DE BASE RELATIFS AU ROLE DU BARREAU( VOIR MEMOIRES A L'APPUI DE LA REQUETE EN ANNULATION DE L'ORDONNANCE DE RENVOI PAGE 19 PARAGRAPHE 117 A 121

MAITRE GATERA GASHABANA

CONSEIL PRINCIPAL





**International Criminal Tribunal for Rwanda**

Trial Chamber II

Before: Judge Florence Rita Arrey, Presiding  
Emile Francis Short  
Robert Fremr

Registrar: Adama Dieng

THE PROSECUTOR

v.

Jean-Bosco UWINKINDI



*Case No. ICTR-2001-75-I***Affidavit of Tharcisse KARUGARAMA, Minister of Justice/ Attorney General**

I, Tharcisse KARUGARAMA, hereby depose and state as follows:

1. I am the Minister of Justice/ Attorney General of the Republic of Rwanda. Unless otherwise indicated, the statements contained in this affidavit are based on my own personal knowledge or belief. I submit this affidavit in support of the Republic of Rwanda's amicus brief in the captioned case.
2. The Ministry of Justice provides financial support to underwrite the bar association's legal aid program. For transfer cases, in particular, Rwanda's current budget for 2010 to 2011 includes 92 million Rwandan Francs for legal aid.
3. An additional 30 million Rwandan Francs have been designated for ICTR-related issues, including, but not limited to, the provision of legal assistance to indigent accused in transferred cases and to cover any travel or other collateral expenses related to the taking of depositions or testimony in other jurisdictions.
4. Between these two separate line items, a total of 122 million Rwandan Francs (approximately \$205,000 U.S. dollars) is currently available for providing legal aid in transferred cases, including the captioned case.

5. During the summer of 2010, Rwanda's Minister of Justice commissioned a study to examine potential problems with the interpretation and application of Article 13 of the Constitution, which prohibits revisionism, negationism, and trivialization of genocide. Among other things, the study is examining how other countries with similar laws have defined operative terms and differentiated between legitimate freedom of expression and prohibited incidents of hate speech. The study is ongoing at this time but is scheduled to be completed soon.

Signed under the pains and penalties of perjury this 15<sup>th</sup> day of February 2011

  
15/02/11  


**Tharcisse KARUGARAMA**  
Minister of Justice/ Attorney General





**URUKIKO MPANABYAHA MPUZAMAHANGA RWASHYIRIWEHO U RWANDA (Urukiko),**

Haburanisha Umucamanza Pavel Dolenc wagenwe na Perezida w'Urukiko ashingiye ku Ngingo ya 28 y'Amategeko Agenga Imiburanishirize n'Itangwa ry'Ibimenyetso (Amategeko);

**RUMAZE KUBONA** Inyandiko y'ibirego yakorewe Jean-Bosco Uwinkindi ku itariki ya 23 Kanama 2001 igatangwa ku itariki ya 24 Kanama 2001 ngo isuzumwe kandi yemezwe nk'uko biteganywa n'Ingingo ya 17(4) n'ya 18(1) za Sitati y'Urukiko, hamwe n'Ingingo ya 47 (a), (b), na (e) z'Amategeko;

**RUMAZE KWEMEZA** ikirego cya mbere (jenocide) icya gatatu (ubwumvikane bugamije gukora jenocide) n'icya 4 (itsembatsemba nk'icyaha cyibasiye inyokomuntu) no gutegeka ko ibintu bimwe bihindurwa mu Nyandiko y'ibirego, mu cyemezo cyitwa "*Confirmation of the Indictment*" [Kwemeza Inyandiko y'ibirego] cyo ku itariki ya 31 Kanama 2001;

**RUMAZE KUBONA** Inyandiko y'ibirego yo ku itariki ya 11 Nzeri 2001 irimo ibyahinduwe nk'uko Urukiko rwari rwabitegetse;

**URUKIKO**

1. **RWEMEYE** ibyahinduwe mu Nyandiko y'ibirego yo ku itariki ya 11 Nzeri 2001;
2. **RUSANZE** ikirego kitari icy'ibanze cyo kuba icyitso cy'abakoze jenocide cyarakuwe mu Nyandiko y'ibirego;
3. **RWEMEJE** ko iki Cyemezo cy'inyongera cyemeza Inyandiko y'ibirego hamwe n'Icyemezo cyemeza Inyandiko y'ibirego cyo ku



itariki ya 31 Kanama 2001 bigize icyemezo kimwe cyemeza Inyandiko y'ibirego yakorewe Uregwa;

Bikorewe Arusha, ku itariki ya 21 Nzeri 2001

Umucamanza Pavel Dolenc

[Umukono]

[Kashe y'Urukiko]

Pavel Dolenc

Adama Duvig

Kabirye

PROKIBIRI

aburika 08

IL 45-BOSCO I WINKINDI

Iyemeza N' IC TR 2001/754

ICYEMEZO CY INYANDIKO YAKOREWE UREGWA

Ikiza ry'urubanza RP 0002/12/HCCI

URUKIKO RUKURU, URUGEREKO RWIHARIYE RUBURANISHA IBYAHA BYO MU RWEGO MPUZAMAHANGA N'IBYAMBUKA IMIPAKA, RURI I KIGALI RUHABURANISHIRIZA URUBANZA RW'INSHINJABYAHA MU RWEGO RWA MBERE RUFASHE ICYEMEZO MU URUBANZA RP 0002/12/HCCI MU RUHAME KUWA 16/05/2013 MU BURYO BUKURIKIRA:

HABURANA

UBUSHINJACYAHA

na

UREGWA:



Jean UWINKINDI mwene Subwanone na Ntizisigwa wavutse mu 1951 mu Rutsiro mu cyahoze ari perefegitura ya Kibuye, muri Repubulika y'u Rwanda, kugeza muri 1994 yari atuye mu cyahoze ari Kigali Ngali, muri Komine Kanzeze, secteur Kayumba, selire Gatare; yashakanye na Kabagwira Rose, bafitanye abana umunani(8), umupasitori, umunyarwanda, ntacyo atunze, ubu akaba afungiyeye muri Gereza Nkuru ya Kigali nyuma yo koherezwa mu Rwanda n'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga washyiriweho u Rwanda kugira ngo akurikiranwe ku byaha akekweho ko yakoreye mu Rwanda. Yunganiwe na Me Gatera Gashabana na Me Niyibizi Jean Baptiste

IBYAHA AREGWA :

- icyaha cya jenocide giteganywa kandi kigahanishwa ingingo ya 114 na 115 z'igitabo cy'amategeko ahana ibyaha mu Rwanda, n'ingingo ya mbere ndetse n'iya 3(c) y' Amasezerano yerekeranye no gukumira no guhana icyaha cya jenocide;
- icyaha cy'itsembatsemba nk'icyaha cyibasiye inyoko-muntu giteganywa kandi gihanishwa ingingo ya 120 agace kayo ka 2 ndetse n'ingingo ya 121 z'igitabo cy'amategeko ahana ibyaha mu Rwanda.

Ndubonye 4 17/5/2013  
Seatanu n'ipice  
Pasteur uwinkindi johane  
[Signature]





**A. IMITERERE Y'URUBANZA**

1. Mu iburanisha ryo kuwa 20/03/2013, UWINKINDI Jean n'abamwunganira aribo Me Gatera Gashabana na Me Niyibizi Jean Baptiste batanze inzitizi zikurikira bavuga ko zabanza gusuzumwa mbere yo kuburanisha urubanza mu mizi: kubanza gushyiraho abunganizi b'abavoka(investigators), inzitizi igamije gusaba ko ahabwa inyandiko itanga ikirego iri mu rurimi rw'ikinyarwanda gusa kuko ari rwo yumva rwonyine, kandi ikuzuzwa ; n'inzitizi igamije gusaba kutakira ikirego kirebana n'icyaha cy'itsembatsemba nk'icyaha cyibasiye inyoko-muntu, ikirego kijyanye no kuba icyitso cy'abandi n'ikirego kijyanye kutagira icyo akora ngo ahagarike ubwicanyi.
2. Urukiko rukaba rugomba gusuzuma niba izo nzitizi zifite ishingiro;

**B. ISESENGURA RY'IBIBAZO BIGIZE URUBANZA**

➤ **Inzitizi ijyanye no kubanza gushyiraho Abunganizi b'abavoka bashinzwe iperereza(investigators)**

3. UWINKINDI Jean n'abamwunganira Me Gatera Gashabana na Me Niyibizi Jean Baptiste bashingiye ku ngingo ya 19 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u RWANDA ryo kuwa 04/06/2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu; ingingo ya 11 igika cya mbere y'Itangazo Mpuzamahanga ku burengazira bwa Muntu ryo kuwa 10 Ukuboza 1948; ingingo ya 14 y'Amasezerano Mpuzamahanga yo kuwa 19 Ukuboza 1966 yerekeye uburenganzira mu by' imbenezamubano no mu bya politiki n'ingingo ya 13, 4°, 9° na 15 z'Itegeko Ngenga n° 11/2007 ryo kuwa 16/03/2007 rigena kwimurira muri Repubulika y'u RWANDA imanza zivuye mu Rukiko mpanabyaha mpuzamahanga washyiriweho u RWANDA(TPIR) n'izivuye mu bindi bihugu nk'uko ryahinduwe kugeza ubu, basaba ko hashyirwaho abafasha b'abavoka bashinzwe gukora iperereza ku batangabuhama bamushinjura. Ibyo bakaba babisaba bashingiye ku rubanza n° ICTR-01-75-AR 11 bis rwo kuwa 16 Ukuboza 2011 rwohereza UWINKINDI Jean kuza kuburanira mu RWANDA aho bavuga ko Ubushinjacyaha bwemereye TPIR ko UWINKINDI Jean azabona ubwunganizi buhagije bugizwe na avoka mukuru, avoka, abafasha b'abavoka bashinzwe iperereza(investigators) n'umufasha w'abavoka ushinze gukusanya no gutunganya inyandiko(assistant) nk'uko bisanzwe bigenda muri TPIR. Basaba ko nyuma yo gushyiraho abo bafasha b'abavoka no kubaha uburyo bwo gukora yahabwa amezi atandatu kugirango imyanzuro ye yo kwiregura ayishyikirize Urukiko Rukuru.





4. Basobanura ko n'ubwo amategeko y'u RWANDA ateganya ko iperereza ryaba irishinja cyangwa irishinjura ubundi riri mu nshingano z'Ubugenzacyaha cyangwa Ubushinjacyaha basanga izo nzego atarizo zashakira uregwa ibimenyetso bimushinjura cyane ko basanga iperereza ryakozwe kugeza ubu ari irimushinja gusa byongeye kandi Ubushinjacyaha akaba ari umuburanyi nk'abandi baburanyi bose bakaba bangana imbere y'inkiko.
5. UWINKINDI Jean avuga ko afite abatangabuhamyaga bagera kuri 76 bashobora kumushinjura, 38 muri bo bari hanze y'u RWANDA mu bihugu bitandukanye, abandi bakaba bari mu RWANDA.
6. Abunganira UWINKINDI Jean bavuga ko iryo perereza ku batangabuhamyaga nabo bashobora kurikora, ko ikibazo bafite ari icy'amikoro, ko bagishyikirije Minisiteri y'Ubutabera n'Urugaga rw'abavoka ariko ko nta gisubizo barabona. Basobanura ko bagiranye amasezerano n'abaterakunga ateganya ko bishyurwa ku isaha bakoze, ko ariko amafaranga y'ingendo zose zisabwa kugirango bagere ku batangabuhamyaga yo adateganyijwe kuko batateganyaga ko abavoka bazakora akazi ko gukora iperereza ku batangabuhamyaga.
7. Ku itariki ya 15/04/2013, abunganira UWINKINDI Jean, Me GATERA GASHABANA na Me Jean Baptiste NIYIBIZI bashyikirije Urukiko Rukuru inyandiko zikurikira:
  - Amasezerano hagati y'urugaga rw'abavoka n'abunganizi ba UWINKINDI Jean;
  - Amasezerano uhagarariye Urugaga rw'abavoka yagiranye na Minisiteri y'Ubutabera mu bijyanye no kunganira ku buntu abana mu nkiko;
  - Raporo z'inama zabaye kuwa 21/08/2012 no kuwa 08/10/2012 hagati ya Minisiteri y'Ubutabera, Ubushinjacyaha Bukuru n'Urugaga rw'abavoka ku bijyanye n'ibihembo by'abunganira UWINKINDI Jean;
  - Ibaruwa yo kuwa 09/07/2012 Me Gashabana Gatera yandikiye uhagarariye Urugaga rw'abavoka mu Rwanda asaba ko hashyirwaho abashinzwe gukora iperereza ku ruhande rw'UWINKINDI Jean;
  - Inyandiko ya Me Gatera Gashabana igaragaza ibyakozwe kugira ngo ahabwe igihembo cy'abavoka;
  - Inyandiko ya TPIR yerekeranye n'uburyo bahemba abavoka bashyizweho n'Urukiko n'ababafasha





Ikiza ry'urubanza RP 0002/12/HCCI

8. Bavuga ko batanze izo nyandiko mu rwego rwo kugaragaza ko bashyikirije inzego zibishinzwe ikibazo cyo gushaka abatangabuhamya bashinjura UWINKINDI Jean bari hanze y'igihugu ariko nticyakemuka, nyuma hemezwa ko icyo kibazo cyishyirwaho ry'abunganizi b'abavoka bashinzwe gushaka ubwo buhamya cyazasuzumwa n'urukiko. ?
9. Ubushinjacyaha busanga icyo cyifuzo nta shingiro gifite. Busobanura ko UWINKINDI n'abamwunganira nta tegeko bashingiraho basaba Urukiko gushyiraho abunganizi bakora iperereza, ko itegeko ngenga n° 11/2007 ryo kuwa 16/03/2007 rigena kwimurira mu RWANDA imanza zivuye muri TPIR nizivuye mu bindi bihugu nkuko ryavuguruwe kugeza ubu ritigeze riteganya ishyingirwaho ry'abakorera uregwa iperereza, ko igiteganyijwe ari uko ahabwa abamwunganira kandi ibi bikaba byarakozwe kuko yahawe abavoka babiri, akaba atarigeze agaragaza ko akazi ko kumwunganira kabananiye ku buryo akenera abandi. ?
10. Ubushinjacyaha bukaba busanga hakurikizwa ibiteganywa mu ngingo ya 19 y'itegeko n° 13/2004 ryo kuwa 17/05/2004 rigenga imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha nkuko ryahinduwe kugeza ubu ivuga ko ibikorwa by'iperereza rigamije gushaka ibimenyetso bishinje n'ibishinjura bikorwa n'urwego rw'Ubugenzacyaha. Busanga UWINKINDI Jean n'abamwunganira bagomba kugaragaza aho iperereza rikenewe gukorwa, bakagaragariza Urukiko n'urwego rw'Ubugenzacyaha abatangabuhamya bashinjura. Mu gihe Ubugenzacyaha bwaramuka bwanze gukora iryo perereza cyangwa budashoboye kurikora, uregwa n'abamwunganira nibwo bazasaba Urukiko ko rushakira icyo kibazo igisubizo. ?
11. Ku bijyanye no kuba Ubushinjacyaha ari umuburanyi nk'abandi, abahagarariye Ubushinjacyaha bavuga ko n'ubwo bwaba umuburanyi nk'abandi, bufite umwihariko kuko buburana imanza nshinjabyaha mw'izina rya rubanda kandi ko bufite inshingano zo gukora iperereza rishinje n'irishinjura ntaho bubogamiye nk'uko biteganywa mu ngingo ya 19 y'itegeko n° 13/2004 ryo kuwa 17/05/2004 rigenga imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha nkuko ryahinduwe kugeza ubu yavuzwe haruguru. ??





12. Ubushinjacyaha buvuga ko abunganira uregwa nabo bafite inshingano zo kumushakira ibimenyetso bimushinjura kandi ko batigeze bagaragaza ko ako kazi batagashoboye. Bukaba busobanura ko mu rubanza rwohereza UWINKINDI Jean mu RWANDA mu mwanzuro urugaga rw'abavoka rwashyikirije Urukiko rwagaragaje ko iperereza rishinja n'irishinjura rikorwa n'Ubugenzacyaha kandi ko n'abunganira uregwa bashobora kwishakira ibimenyetso(ibika bya 44-46 by'urwo urubanza).
13. Ubushinjacyaha buributsa ko muri urwo rubanza abunganira UWINKINDI Jean bavuze ko bafite abatangabuhamya 49 bazi bukaba bwibaza aho bahera bavuga ko bafite abantabuhamya 90 batazwi. Buvuga ko UWINKINDI Jean yahawe igihe cyo gutanga abatangabuhamya bamushinjura igihe cy'iperereza ntiyabikora, bityo ?? rero kuberako dosiye yashyikirijwe Urukiko, Ubushinjacyaha bushingiye ku ngingo ya 66 y'itegeko n°15/2004 ryo kuwa 12/06/2004 ryerekeye ibimenyetso mu manza n'itanga ryabyo bukaba busanga UWINKINDI Jean agomba gushyikiriza Urukiko amazina y'abatangabuhamya bamushinjura ku byaha aregwa aho baherereye, n'icyo bazamumarira, urukiko akaba arirwo, rwemeza abagomba kubazwa, rukanashyiraho uburyo bagomba kubazwa hakurikijwe ibiteganywa mu ngingo ya 14 bis y'itegeko n° 03/2009/OL ryo kuwa 26/05/2009 rihindura kandi ryuzuzwa itegeko ngenga n° 11/2007 ryo kuwa 16/03/2007 rigena kwimurira muri Repubulika y'u RWANDA imanza. ?
14. Kubijyane n'igihe cy'amezi atandatu UWINKINDI Jean n'abamwunganira basaba kugirango bashyikirize Urukiko imyanzuro yabo, Ubushinjacyaha busanga bidafite ishingiro kuko bahawe igihe n'uburyo buhagije kugirango bitegure kandi n'ingingo ya 13 y'itegeko n° 21/2012 ryo kuwa 14/06/2012 ryerekeye imburanishirize y'imanza z'Imbonezamubano, iz'Ubucuruzi, iz'Umurimo n'iz'Ubutegetsu nayo igaragaza ko imanza zigomba kwihutishwa mu gihe zaregewe inkiko ndetse rigateganywa n'igihe ntarengwa urubanza rwaregwe Urukiko rugomba kuba rwaburanishirijwemo. ?
15. Urukiko rurasanga Itegeko Ngenga n° 11/2007 ryo kuwa 16/03/2007 rigena kwimurira mu RWANDA imanza zivuye muri TPIR no mu bindi bihugu nk'uko ryahinduwe kugeza ubu ntaho riteganywa gushyiraho urwego rw'abunganizi b'abavoka bashinzwe gukora iperereza (investigators), bityo kubirebana no gushakira ibimenyetso hakaba hagomba gukurikizwa ibiteganywa n'itegeko n° 13/2004 ryo





Ikiza ry'urubanza RP 0002/12/HCCI

kuwa 17/05/2004 rigenga imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha nkuko ryahinduwe kugeza ubu. } ?

16. Ingingo ya 19 y'iryo tegeko ivuga ko mu byo Ubugenzacyaha bushinzwe harimwo gukusanya ibimenyetso bishinje n'ibishinjura. Naho iya 22 y'iryo tegeko ikavuga ko Ubugenzacyaha aribwo bushinzwe gukora iperereza mu rwego rwa mbere.

17. Ingingo ya 42 y'iryo tegeko iteganya ko iyo ipereza rirangiye Ubugenzacyaha bushyikiriza dosiye Ubushinjacyaha. Ingingo ya 43 ikavuga ko, iyo Ubushinjacyaha bugejejweho dosiye bushobora kuregera ako kanya Urukiko rubifitiye ububasha iyo bubona ko dosiye yuzuye cyangwa se bugafata icyemezo cyo gukurikirana iyo busanze ibimenyetso bwashyikirijwe bidahagije. Naho ingingo ya 119 iteganya ko iyo Ubushinjacyaha bwemeje gukurikirana, bwohereza dosiye yuzuye Urukiko rufite ububasha bwo kuyiburanisha. ?

18. Ingingo ya 44 y'iryo tegeko mu gika cya mbere ivuga ko mu rwego rwo gushakisha ibimenyetso, Ubushinjacyaha, iyo bureze, aribwo bugomba gutanga ibimenyetso byemeza icyaha. Naho igika cya gatatu kikavuga ko iyo icyaha cyabonewe ibimenyetso bikigaragaza, ugushinjwa cyangwa umwunganira agomba kwerekana impamvu zose yireguza zerekana ko ikirego kitakwemerwa, zihamya ko icyo aregwa atari icyaha cyangwa se ko ari umwere, n'izindi mpamvu zose zivuguruza izimuhamya icyo cyaha. ?

19. Urukiko rusanga Me GATERA GASHABANA na Me NIYIBIZI Jean Baptiste bavuga ko mu gihe Urukiko rwasanga atari ngombwa gushiraho abunganizi b'abavoka, nabo bashobora gushaka abo batangabuhamya ariko ko bafite ikibazo cy'amikoro, ko amasezerano bagiranye n'abaterankunga ateganya kubishyura amafaranga ku isaha bakoze, ay'ingendo yatuma bagera kuri abo batangabuhamya atarimo. } ? ?

20. Urukiko rurasanga mu myanzuro Urugaga rw'abavoka bashyikirije TPIR mu rubanza ICTR-01-75 rwohereje UWINKINDI Jean kuburanira mu RWANDA igaragara kuri cote 4368-4282, mu gika cya 47(cote 4352) abahagarariye urwo Rugaga bavuga ko abavoka bakorera mu RWANDA basanzwe bashakira abo bunganira ibimenyetso mu manza nshinjabyaha muri KIGALI no mu zindi ntara nta mbogamizi iyo ariyo yose harimwo izijyanye n'amikoro (*Rwandan Lawyers also routinely conduct their own criminal investigations both in KIGALI and in the provinces, without interference or particular difficulties materially*) } ? ?





*12) affecting their work). Mu gika cya 48, naho bavuga ko mu kazi kabo ka buri muni, abavoka bafite ububasha bwo gushaka abatangabuhamya bashinjura, kubabaza no kubashyikiriza Urukiko kandi badahuye n'imbogamizi ziyanye n'amikoro (Thus, in practice, defence counsel are able to produce at trial supporting evidence through defence witnesses. Their ability to find, interview and produce supporting witness during trial in RWANDA have not been materially impaired in recent years.)* \*??

21. Urukiko rurasanga ku birebana n'uru rubanza harakozwe iperereza, Ubushinjacyaha bwemeza kuregera uru urukiko burushyikiriza dosiye ikubiyemo ibimenyetso bishinja. Urukiko rero rushingiye ku ngingo z'amategeko zavuzwe haruguru no kuri iyo myanzuro y'Urugaga rw'abavoka yavuzwe mu gika kibanziriza iki, rusanga mu gihe urukiko rwamaze kuregerwa kubera ko uregwa avuga ko afite abatangabuhamya bamushinjura ari we n'abamwunganira bafite ishingano zo kubashaka. By'umwihariko mu rubanza ICTR-01-75 rwohereza UWINKINDI Jean kuburanira mu RWANDA rwaciwe n'urukiko rwa TPIR ruzi uburyo imanza nshinjabyaha ziburanyishwa mu RWANDA n'uburyo ibimenyetso bishakwa byaba ibishinja cyangwa ibishinjura, akaba ntaho bavuga ko byanze bikunze abavoka bagomba kugenerwa abunganizi bashinzwe iperereza. ??

22. Kubirebana n'ingingo ya 66 y'itegeko ryerekeye ibimenyetso mu manza n'itangwa ryabyo, Urukiko rurasanga nubwo muri uru rubanza, dosiye yamaze kuregerwa Urukiko, kugeza ubu UWINKINDI Jean atararugezaho imyanzuro ye yo kwiregura kandi akaba avuga ko byatewe n'uko atarashobora kubona ubuhamya bw'abatangabuhamya bamushinjura. Rusanga icyo kibazo UWINKINDI Jean n'abamwunganira baragishyikirije Ministeri y'Ubutabera n'Urugaga rw'abavoka mbere y'uko Ubushinjacyaha buregera Urukiko nticyakemuka, bityo rukaba rusanga iyo ingingo atari yo yashingirwaho mu gusuzuma iki kibazo kuko yo ikurikizwa iyo Urukiko rwamaze kumva imyiregurire y'uregwa nyuma akifuza gutanga abatangabuhamya bashimangira imvugo ze; ahubwo hashingirwa ku gace ka 4 k'ingingo ya 13 y'itegeko Ngenga n° 11/2007 ryo kuwa 16/03/2007 rigena kwimurira mu RWANDA imanza zivuye muri TPIR no mu bindi bihugu nk'uko ryahinduwe kugeza ubu kavuga ko uregwa mu rubanza rwimuriwe mu Rwanda ruvuye muri TPIR afite uburenganzira bwo guhabwa igihe n'ibyangombwa bikwiriye kugirango ategure imyiregurire ye.





23. Ku birebana n'ikibazo cy'amikoro, Urukiko rurasanga abunganira UWINKINDI Jean bararushyikirije inyandiko igaragaza amafaranga akenewe kugirango bagere ku batangabuhama bose baba abari mu RWANDA cyangwa hanze yarwo. Urukiko rusanga mu nyandiko abunganira UWINKINDI Jean barushyikirije, icyo kibazo kitigeze gisuzumwa kuko hagombaga kubanza kumenyekana abagomba kubikora, Urukiko rukaba rwemeje ko bigomba gukorwa n'abunganira UWINKINDI Jean.

24. Urukiko rukaba rusanga abunganira UWINKINDI Jean bagomba kugeza kuri Minisiteri y'Ubutabera n'Urugaga rw'abavoka ibikenewe kugirango bashake ubwo buhama bityo bashobore gutegura imyanzuro yo kwiregura y'uwo bunganira.

25. Kubijyanye n'igihe UWINKINDI Jean n'abamwunganira bagomba kuba bashyikirijemo Urukiko imyanzuro yo kwiregura, Urukiko rurasanga igihe cy'amezi atandatu basaba ari kirekire, cyane cyane ko UWINKINDI Jean ubwe yashyikirije Urukiko urutonde rw'abo batangabuhama n'aho baherereye, ndetse bamwe muri bo bakaba bari baramaze kubonana n'abamwunganiraga muri TPIR; mu bushishozi bwawo rukaba rusanga bagomba kurushyikiriza imyanzuro yo kwiregura bitarenze kuwa 20/08/2013, iburanisha rikazasubukurwa ku wa 05/09/2013.

➤ Inzitizi ijyanye n'uko inyandiko itanga ikirego igomba gushyirwa mu rurimi rw'ikinyarwanda

26. UWINKINDI Jean n'abamwunganira bashingiye ku gika cya gatatu cy'ingingo ya 13 y'Itegeko Ngenga n° 11/2007 ryo kuwa 16/03/2007 rigena kwimurira mu RWANDA imanza zivuye muri TPIR no mu bindi bihugu no ku igika cya 3 cy'ingingo ya 14 y'Amasezerano Mpuzamahanga yo kuwa 19 Ukuboza 1966 yerekeye uburenganzira mu by'imbenezamubano no mu bya politiki basaba ko UWINKINDI Jean yahabwa inyandiko itanga ikirego iri mu rurimi rw'ikinyarwanda gusa kuko ari rwo rurimi rwonyine azi ashobora kuburanamo.

27. Ubushinjacyaha buvuga ko ibyo basaba nta shingiro bifite kuberako ingingo ashingiraho zivuga ko uregwa afite uburenganzira bwo kumenyeshwa ibyo aregwa mu rurimi yumva kandi akaba yarabimenyeshwe mu kinyarwanda avuga ko abihakana, ibi bikaba bitandukanye no gusaba ko bimwe mu bikubiye mu nyandiko itanga ikirego bishyirwa mu rurimi rw'ikinyarwanda. Buvuga kandi ko ibyo nabyo byamaze gukorwa akaba yarabishyikirijwe. Busobanura ko kuvuga ko



ibyo kwipuka ko abanyunyani RA babonye na batwambukanye ni byu bushishozi bawo siyewe ubivuye; Ntabwo Doreko baba nabakurana akuriko

Attentabo abanyunyani babonye ni bya batwambukanye niyacya. Ntabwo kubivuye? Kandi?



akeneye inyandiko y'ikirego itagaragaramo ururimi rw'amahanga bitajyanye n'amahame agenga Ubushinjacyaha iyo bukora dosiye kuko bushinzwe gushakisha ibyemezo by'inkiko, inyandiko z'abahanga zabufasha gukora dosiye nk'iyi iregwamo icyaha cya jenocide, kandi kikaba ari n'icyaha mpuzamahanga, bityo gukoresha indimi z'amahanga bakaba bakaba basanga ntacyo bihindura ku byaha aregwa, uretse ko izo ndimi avuga zasobanuwe zigashyirwa mu Kinyarwanda.

28. Ingingo ya 18 y'Itegeko Nshinga ya Repubulika y'u RWANDA iteganya ko kumenyeshwa imiterere n'impamvu z'icyaha ukurikiranyweho, kwiregura no kunganirwa ari uburenganzira budahungabanywa mu bihe byose, ahantu hose, mu nzego zose z'ubutegetsi, iz'ubucamanza n'izindi zose zifata ibyemezo.

29. Igika cya gatatu cy'ingingo ya 14 y'Amasezerano Mpuzamahanga yo kuwa 19 Ukuboza 1966 yerekeye uburenganzira mu by'Imbonezamubano no mu bya Politike n' igika cya 3 cy'ingingo ya 13 y'Itegeko Ngenga n° 11/2007 ryo kuwa 16/03/2007 rigena kwimurira mu RWANDA imanza zivuye muri TPIR no mu bindi bihugu nk'uko ryahinduwe kugeza ubu iteganya ko uregwa afite uburenganzira bwo kumenyeshwa bidatinze, mu rurimi yumva kandi mu magambo arambuye, imiterere n'ishingiro ry'ibyo aregwa.

30. Urukiko rurasanga hashingiwe kuri izo ngingo kumenyeshya uregwa ibyaha aregwa bitagarukira gusa ku kumenyeshya ibirego ahubwo agomba guhabwa ibisobanuro mu magambo arambuye ku miterere n'ishingiro ry'ibyo aregwa, ibyo rero bikaba bigomba kugaragarira mu nyandiko itanga ikirego. Kubera iyo mpamvu iyo nyandiko yose ikaba igomba kuba mu rurimi uregwa yumva kugirango ashobore kuyumva no kuyireguraho mu buryo bumworoheye.

31. Urukiko rusanga nubwo koko Ubushinjacyaha bwashyize mu rurimi rw'Ikinyarwanda bimwe mu bikubiye mu nyandiko itanga ikirego byari mu ndimi z'amahanga, uburyo byakozwe bidafasha uregwa gukurikiranya neza ibitekerezo bikubiyemo kuko biri mu nyandiko ebyiri zitandukanye imwe isobanura indi kandi zikigaragaramo amagambo ari mu ndimi uregwa avuga ko atumva. Rusanga rero mu nyungu z'uregwa no mu rwego rwo kubahiriza uburenganzira bwe busesuye bwo kwiregura ari ngombwa ko UWINKINDI Jean ashyikirizwa inyandiko itanga ikirego imwe, yose uko yakabaye ikaba igomba kuba iri mu rurimi rw'Ikinyarwanda kuko arirwo yumva.





➤ **Kuba uregwa yarashyikirijwe inyandiko yo gutanga ikirego ituzuye**

32. UWINKINDI Jean n'abamwunganira bashingiye ku gika cya gatatu cy'ingingo ya 13 y'itegeko Ngenga n° 11/2007 ryo kuwa 16/03/2007 rigena kwimurira mu RWANDA imanza zivuye muri TPIR no mu bindi bihugu, ku igika cya 3 cy'ingingo ya 14 y'Amasezerano Mpuzamahanga yo kuwa 19 Ukuboza 1966 yerekeye uburenganzira mu by'Imbonezambano no mu bya Politike, Ingingo ya 18 y'itegeko Nshinga n'ingingo ya 28 y'itegeko n° 13/2004 ryo kuwa 17/05/2004 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha nk'uko ryahinduwe kugeza ubu, bavuga ko nta nyandiko-mvugo y'umutangabuhamya BZI bashyikirijwe kandi ari ku rutonde rw'abatangabuhamya b'Ubushinjacyaha. Bavuga kandi ko inyandiko-mvugo y'umutangabuhamya BZK yuzuyemo ubuhisho ku buryo badashobora kumenya ubuhamya yatanze ubwo ari bwo. Basaba ko ubuhamya bwabo bushyikirizwa uregwa kandi ibyahishwe kuri BZK bigashyirwa ahagaragara kugirango uregwa abyisobanureho azi ibikubiyemo byose nk'uko amategeko abiteganyaga.

33. Ku bijyanye n'inyandiko-mvugo y'umutangabuhamya BZI, Ubushinjacyaha buvuga ko habayeho kwibeshya mu kwandika izina rye ribanza, ko nta mutangabuhamya witwaga BIZOZA bufite, ko ahubwo umutangabuhamya bafite ugaragara ku nyuguti za BZI ari uri kuri cote 632. Urukiko rurasanga Ubushinjacyaha bwarakosoye amakosa yakozwe mu kwandika amazina y'umutangabuhamya, bityo hakaba nta nyandiko-mvugo ibura UWINKINDI Jean akwiye gushyikirizwa. ??

HABAYEHO KU  
BESHYA KU  
BUSHINJACYAHA.

34. Ku bijyanye n'inyandiko-mvugo y'umutangabuhamya BZK, Ubushinjacyaha buvuga ko iyo nyandiko-mvugo ye butari bwayishyize muri dosiye kuko butakiyikoresheje mu rubanza, ariko ko buyishyikirije urukiko nta buhisho burimo nk'uko uregwa yabyifuje. Urukiko rurasanga ibyo UWINKINDI Jean yari yifuje Ubushinjacyaha bwarabikoze, bityo iyo nyandiko-mvugo ikaba nta kibazo cy'ibiyikubiyemo bitagaragara igiteye. ?

➤ **Inzitizi zijyanye no kutakira ibirego**

35. UWINKINDI Jean n'abamwunganira basaba Urukiko kutakira ibirego bikurikira:

- Ikirego kijyanye n'icyaha cy'itsembatsemba nk'icyaha cyibasiye inyokomuntu kuko ntaho gitaniye n'icya jenocide;
- Ikirego kijyanye n'icyaha cyo kuba icyitso cy'abandi kuko bwagitanze kandi butabyemerewe kuko Urukiko rwa TPIR





rwagihanaguye mu birego UWINKINDI Jean aregwa n'Ubushinjacyaha;

- Ikirego kijyanye no kutagira icyo akora ngo ahagarike ubwicanyi kuko rutakiregwe kandi kikaba kitari mu bubasha bwawo.

36. Ubushinjacyaha buvuga ko inzitizi ijyanye n'icyaha cy'itsembatsemba nk'icyaha cyibasiye inyokomuntu itasuzumwa kuko urubanza rutaraburanishwa mu mizi. Ku zindi nzitizi, buvuga ko nta shingiro zifite kuko ibyo byaha butigeze bubimurega. \* \* \*
37. Urukiko rurasanga rudasuzuma izo nzitizi zose rutinjiye mu mizi y'urubanza ngo rurebe niba ibikorwa rwaregwe bigize ibyaha UWINKINDI Jean avuga ko aregwa, kandi ko aribyo koko \* Ubushinjacyaha bwaregeye Urukiko; bityo izi nzitizi zikaba zigomba kuzasuzumirwa hamwe n'urubanza mu mizi. ?? \*

### C.ICYEMEZO CY'URUKIKO RUKURU

38. Urukiko Rukuru rwemeje ko muri uru rubanza nta bunganizi b'abavoka bashinze iperereza bagomba gushirwaho. ?
39. Urukiko Rukuru rwemeje abunganira UWINKINDI Jean aribo bagomba kumushakira abatangabuhama bamushinjura. ✓
40. Urukiko Rukuru rutegetse ko Ubushinjacyaha bushyikiriza UWINKINDI Jean inyandiko itanga ikirego imwe, yose uko yakabaye ikaba igomba kuba iri mu rurimi rw'ikinyarwanda. ✓
41. Urukiko Rukuru rutegetse UWINKINDI Jean n'abamwunganira kurushyikiriza imyanzuro yo kwiregura bitarenze ku wa 20/08/2013.
42. Urukiko Rukuru rutegetse ko iburanisha ry'uru rubanza rikazasubukurwa ku wa 05/09/2013.





Ikiza ry'urubanza RP 0002/12/HCCI

URUKIKO RUKURU, URUGEREKO RWIHARIYE RUBURANISHA IBYAHA BYO MU RWEGO MPUZAMAHANGA N'IBYAMBUKA IMIPAKA, RURI I KIGALI RUHABURANISHIRIZA URUBANZA RW'INSHINJABYAHA MU RWEGO RWA MBERE RUFASHE ICYEMEZO MU URUBANZA RP 0002/12/HCCI MU RUHAME KUWA 05/09/2013 MU BURYO BUKURIKIRA:

HABURANA

UBUSHINJACYAHA



REPUBLIQUE RWANDAISE

Au nom du Peuple Rwandais

na

UREGWA:

Jean UWINKINDI mwene Subwanone na Ntisisigwa wavutse mu 1951 mu Rutsiro mu cyahoze ari perefegitura ya Kibuye, muri Repubulika y'u Rwanda, kugeza muri 1994 yari atuye mu cyahoze ari Kigali Ngali, muri Komine Kanzeze, secteur Kayumba, selire Gatere; yashakanye na Kabagwira Rose, bafitanye abana umunani(8), umupasitori, umunyarwanda, ntacyo atunze, ubu akaba afungiyeye muri Gereza Nkuru ya Kigali nyuma yo koherezwa mu Rwanda n'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga rwashyiriyeho u Rwanda kugira ngo akurikiranwe ku byaha akekweho ko yakoreye mu Rwanda. Yunganiwe na Me Gatere Gashabana na Me Niyibizi Jean Baptiste

IBYAHA AREGWA :

- icyaha cya jenocide giteganywa kandi kigahanishwa ingingo ya 114 na 115 z'igitabo cy'amategeko ahana ibyaha mu Rwanda, n'ingingo ya mbere ndetse n'iya 3(c) y' Amasezerano yerekeranye no gukumira no guhana icyaha cya jenocide;
- icyaha cy'itsembatsemba nk'icyaha cyibasiye inyoko-muntu giteganywa kandi gihanishwa ingingo ya 120 agace kayo ka 2 ndetse n'ingingo ya 121 z'igitabo cy'amategeko ahana ibyaha mu Rwanda.





**A. IMITERERE Y'URUBANZA**

1. Ku itariki ya 16/05/2013, Urukiko rwafashe icyemezo cy'uko abunganira UWINKINDI Jean aribo bagomba kumushakira abatangabuhama bamushinjura, rutegeka UWINKINDI Jean n'abamwunganira kuba barushyikirije imyanzuro yo kwiregura bitarenze kuwa 20/08/2013. Rutegeka ko iburanisha ry'urubanza rizasubukurwa kuwa 05/09/2013.
2. Mu iburanisha ryo kuwa 05/09/2013, UWINKINDI Jean n'umwunganira Me Niyibizi Jean Baptiste bitabye Urukiko nta myanzuro bazanye kandi basaba kongererwa igihe cy'amezi atandatu cyo gutegura imyanzuro yo kwiregura.
3. Urukiko rukaba rugomba gusuzuma niba igihe cy'amezi atandatu basaba bakwiye kugihabwa.

**B. ISESENGURA RY'IKIBAZO KIGIZE URUBANZA**

4. UWINKINDI Jean n'umwunganira Me Niyibizi Jean Baptiste bavuga ko batabashije kugeza ku Rukiko imyanzuro bari basabwe ku mpamvu zitabaturutseho, kubera ko nta buryo bahawe bwo kubikora. Basobanura ko Urukiko rumaze gufata icyemezo, kuwa 22/05/2013 abunganira UWINKINDI Jean bandikiye Urugaga rw'abavoka bamenyesha Ministeri y'Ubutabera basaba uburyo bwo gushaka abatangabuhama b'uwo bunganira hagashyirwaho n'uburyo bwo kwishyura ingendo zo gukora iperereza n'amasaha yo gukora iyo mirimo. Bavuga ko kuwa 24/06/2013 bakoranye inama n'Urugaga rw'abavoka na Ministeri y'Ubutabera babiganiraho, bababwira ko ingengo y'imari ya Leta itaraboneka, ko izaboneka mu kwezi kwa karindwi, igatangira gukora mu kwezi kwa munani, kandi kugeza ku muni w'iburanisha icyo kibazo cyari kitarakemuka bityo bakaba basaba kongererwa amezi atandatu yo gushakira UWINKINDI Jean abatangabuhama bamushinjura no gutegura imyanzuro yo kwiregura kuva igihe icyo kibazo kizaba gikemukiye.
5. Ubushinjacyaha buvuga ko abunganira UWINKINDI Jean nabo bafite uruhare rwo gutinza urubanza. Busobanura ko mu nama yo kuwa 24/06/2013 yavuzwe haruguru yabahuje n'Urugaga rw'abavoka na Ministeri y'Ubutabera, basabwe gutanga mu buryo burambuye urutonde rw'ibikenewe (etat des besoins)kandi ko bagomba kubitanga vuba mbere y'uko ingengo y'imari ya Leta 2013-2014 itorwa, ndetse banibutswa ko itangira gukoreshwa mu ntangiriro z'ukwezi kwa





Ikiza ry'urubanza RP 0002/12/HCCI

karindwi, ntibabikora vuba ahubwo urutonde barushyikiriza Ministeri y'Ubutabera nyuma y'amezi abiri iyo nama ibaye. Ikindi n'uko iminsi itatu mbere y'uko batanga urwo rutonde bandikiye Urukiko basaba kongererwa amezi atandatu aho gutanga ibyo basabwe na Ministeri y'Ubutabera. Bukaba busanga ibyo babikora kubw'inyungu zabo bwite kuko uko urubanza rutinda ariko bakomeza guhembwa.

6. Ubushinjacyaha busaba Urukiko gutegeka abunganira UWINKINDI Jean gutanga imyanzuro isubiza iy'Ubushinjacyaha kuko bigaragara ko mu gihe bamaze bategura urubanza nta mbogamizi n'imwe yatuma badatanga iyo myanzuro hanyuma bakazatanga imyanzuro y'inyongera mu gihe bazaba bamaze gukora iperereza bifuza gukora. Busaba Urukiko gukomeza kuburanisha urubanza mu gihe Ministeri y'Ubutabera igitegurira abunganira UWINKINDI Jean ibikenewe mu iperereza bifuzaga gukora byazamara kuboneka urubanza rukaba rwasubikwa bagahabwa iminsi yangombwaga yo kubikora. Ikindi busaba ni uko mu gukora iperereza rishinjura Urukiko rwategeka ko abunganira UWINKINDI Jean bahera ku batangabuhamya bari mu Rwanda kuko byo bidakeneye ubushobozi buhambaye. hanyuma iperereza ku bari hanze y'igihugu rikazakorwa bamaze guhabwa ibyangombwa bikenewe.
7. Kubirebana n'uko iperereza ku batangabuhamya bamushinjura ryahera ku bari mbere mu gihugu, UWINKINDI Jean avugaga ko ntacyo abona byamubangamiraho mu gihe cyose n'abari hanze y'igihugu bazakorwaho iperereza kuko icyo ashaka ari ubutabera.
8. Nyuma yo kumva imiburanire y'impande zombi, Urukiko rusanze abunganira UWINKINDI Jean batararushyikirije imyanzuro yo kwiregura kuwa 20/08/2013 nk'uko bwabisabye ku mpamvu z'uko hagasuzumwaga ibijyanye no gushakira ubuhamya bw'abatangabuhamya bashinjura UWINKINDI Jean bari hanze y'u RWANDA.
9. Ingingo ya 14 agace ka 4 y'itegeko № 47/2013 ryo kuwa 16/06/2013 rigena kwimurira imanza muri Repubulika y'u RWANDA ivugaga ko uregwa ahabwa igihe n'ibyangombwa bikwiriye kugirango ategure imyiregurire ye. ?
